

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 060/15.00/07 RYO KUWA 20/02/2007 RIHA  
UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE «TUZAMURANE-KAGINA»**

**Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Guteza imbere Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 31/1988 ryo kuwa 12 Ukwakira 1988 rigena imitunganyirize y'amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18 Nyakanga 2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya mbere n'iya 2 ;

Abisabwe na Perezida wa Koperative «TUZAMURANE-KAGINA», ifite icyicaro i Kagina, mu Murenge wa Runda, Akarere ka Kamonyi, Intara y'Amajyepfo, mu rwandiko rwe rwo kuwa 12 Mutarama 2007 ;

#### **ATEGETSE :**

##### **Ingingo ya mbere :**

Koperative «TUZAMURANE-KAGINA», ifite icyicaro i Kagina, mu Murenge wa Runda, Akarere ka Kamonyi, Intara y'Amajyepfo, ihawe ubuzimagozi.

##### **Ingingo ya 2 :**

Koperative «TUZAMURANE-KAGINA» igamije guteza imbere ubucuruzi bw'amabuye muri za kariyeri (carrière) n'ubucuruzi bwayo.

##### **Ingingo ya 3 :**

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 20/02/2007

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda, Guteza imbere  
Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative ;

**MITALI-K-Protais**

(sé)